REPUBULIKA Y'URWANDA

MINISITERI Y'UBUREZI
PO Box 622 Kigali
Email: info@mineduc.gov.rw
Web site: http://www.mineduc.gov.rw

SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE NA MINISITERI Y'UBUREZI

Ukoboza, 2011

IRIBURIRO

Nejejwe no kubagezaho iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zitangwa na Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC).

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'abakozi n'ibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa ku ntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyo bakora.

Iki gitabo kigaragaza uruhare rwa Minisiteri y'Uburezi mw'itangwa rya serivisi mu Rwanda kikanerekana serivisi zitangwa n'ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rw'aho izo serivisi zitangirwa n'ibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa abaturage ryerekana ubushake Minisiteri y'Uburezi ifite mw'itangwa rya serivisi nziza kandi zihuse.

Dr. Vincent BIRUTA

Minisitiri w'Uburezi

Iki Gitabo kigaragaza serivisi MINEDUC igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'uburyo abatanyuzwe na serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n'Intego bya MINEDUC byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
    - Ubunyangamugayo
    - Hubahirizwa amategeko
    - Mu bwitonzi n'Ubupfura
    - Mu bwumvikane
    - Mu kuri no kudatoranya
    - Mu mucyo
    - Kugaragaza ibyo ikora
    - Gukorera ku gihe
    - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na MINEDUC:
    - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na MINEDUC,
    - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
    - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
    - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
    - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri MINEDUC. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.
- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na MINEDUC.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri MINEDUC.

- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za MINEDUC zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za MINEDUC no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za MINEDUC bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.
Hashingiye ko ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, MINEDUC yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.
Kubera ko MINEDUC isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuza no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.
Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, MINEDUC yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu MINEDUC yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'Abagana serivisi za MINEDUC
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'iperereza ku bagana serivisi za MINEDUC gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana MINEDUC banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero MINEDUC ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. MINEDUC izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. MINEDUC irifuza gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINEDUC:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti,

kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.

- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri MINEDUC mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza ipererereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho MINEDUC igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, MINEDUC yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyo miyoboro y'ikoranabuhanga.
Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, MINEDUC iteganya gukoreshwa ibikoresho tekiniki zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora ipererereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejejweho;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na MINEDUC kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, MINEDUC irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuza mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
    - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
    - Ibyapa
    - Ibiganira mbwirwa ruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru

- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televisiyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhame kuri radiyo na televisiyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
    - Gushakisha imiyoboro
    - imbuga za interineti rusange
    - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
    - urubuga rwa interineti rwihariye

- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Ababyeyi, Abarimu, Abanyeshuri, Abashakashatsi, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa MINEDUC bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:
Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba MINEDUC mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivsi mu Nzego z'Uburezi;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri MINEDUC;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri MINEDUC binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

Aho wabariza:

Minisiteri y'Uburezi
PO Box 622 Kigali
Email: info@mineduc.gov.rw
Website: http://www.mineduc.gov.rw

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.

Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

I. Intangiriro:

Minisiteri y'Uburezi ni imwe mu Minisiteri zigize guverinoma y'u Rwanda.

II. Icyerekezo:

Guha Abaturage b'u Rwanda amahirwe angana ku burezi bufite ireme ku rwego mpuzamahanga kandi butangirwa mu bikorwaremezo by'uburezi byiza bizwi kandi byemewe.

III. Intego:

Guhindura umuturwanda umuntu ufite ubumenyi buhindura imibereho mw'iterambere ry'Igihugu himakazwa kugira uburezi bufite ireme, harwanywa ubujiji, hatezwa imbere ubumenyi mw'ikoranabuhanga na siyansi, n'imitekerereze ifite agaciro.

IV. Ibikorwa by'ingenzi:

- Gushyiraho, kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya guhunda z'uburezi mu cyerekezo 2020
- Gushyiraho no gukwirakwiza politiki y'ubushakashatsi bwa siyansi n'ikoranabuhanga
- Guteza imbere siyansi n'ubundi bumenyi bifitanye isano
- Gushyiraho amategeko, amabwiriza ngenderwaho mu guteza imbere politiki y'uburezi
- Gushyiraho imiyoborere y'uburezi no kubugenzura
- Gushyiraho ingamba zo gushaka amafaranga no kuyakoresha neza
- Guteza imbere kwigisha, kwiga, no gukoresha neza ikoranabuhanga n'itumanaho mu burezi
- Gushyiraho, kugenzura, no gufasha uburezi, ubushakashatsi no guteza imbere ibigo mw'ikoranabuhanga no kwubaka ubushobozi.

V. Uburenganzira by'abatugana (abakiriya)

Umukiriya wacu ategerezwa:

- Kwakiranwa urugwiro, kwumvwa, no gukorerwa neza kandi yubashwe
- Guhabwa amakuru yose akenewe nkuko biteganwa
- Kuzamuka ukajya mu nzego zo hejuru iyo utanogewe na serivisi wahawe
- Kujuririra icyemezo cy'ubuyobozi

V. Indangagaciro

Indangagaciro ngenderwaho za Minisiteri y'Uburezi:

- Uburezi kuri bose
- Uburezi bufite ireme ku nzego zose
- Uburinganire mu burezi ku nzego zose
- Imikorere myiza mu burezi
- Siyansi n'ikoranabuhanga mu burezi
- Guteza imbere indangagaciro nka: ibitekerezo byiza, umuco nyarwanda, amahoro ubumwe n'ubwiyunge.

Serivisi zitangwa na Minisiteri y'Uburezi

1. **Ubwoko bwa Serivisi : Gutanga icyemezo gikoreshwa m'ubuyobozi cy'amashuri yisumbuye kuwataye impanyabumenyi**

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gutanga Icyemezo gisimbura impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye ku nzego nka: A2, D6, D5, D7 na A3
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya politike, gukurikirana no kugenzura amashuri yisumbuye
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 5 y'akazi
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	3,000 RWF
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	- Ibaruwa isaba - Kwuzuza urupapuro rwabugenewe - Icyemezo cy'umwirondoro - Fotokopi y'indangamuntu - Icyemezo cya polisi ko yataye impanyabumenyi - Gitansi y'ikigo cy'imisoro n'amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ibaruwa yandikiwe Minisitiri iherekejwe n'ibyangombwa bigaragajwe haruguru bigashyirwa mu bunyamabanga rusange
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Kwishyura mu kigo cy'imisoro n'amahoro - Icyemezo cy'inzego z'ibanze cy'umwirondoro (Identity)
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umunyamabanga uhoraho. Icyemezo kiboneka bitarenze iminsi 5 y'akazi, iyo kitakunogeye ushobora kujya kureba umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya Minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250 0788485808 mu masaha y'akazi.

Impapuro zuzuzwa	Kwuzuza urupapuro rwabugenewe rusaba icyo cyemezo usanga mu bunyamabanga
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Icyemezo cyemewe n'amategeko cya Minisiteri y'ubutabera cyemeza guhindura amazina n'itariki y'amavuko iyo byakozwe

2. Ubwoko bwa serivisi : Gutanga icyemezo cyemeza ko impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye ari umwimerere

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gutanga icyemezo cyemeza ko impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye ari umwimerere ihabwa abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya politike, gukurikirana no kugenzura amashuri yisumbuye
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 5 y'akazi
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	3,000 Rwf
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba - Kwuzuza urupapuro rwabugenewe - Icyemezo cy'umwirondoro - Fotokopi y'indangamuntu - Icyemezo cya polisi ko yataye impanyabumenyi - Gitansi y'ikigo cy'imisoro n'amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ibaruwa yandikiwe minisitiri iherekejwe n'ibyangombwa bigaragajwe haruguru bigashyirwa mu bunyamabanga rusange
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Kwishyura mu kigo cy'imisoro n'amahoro - Icyemezo cy'inzego z'ibanze cy'umwirondoro (Identity)
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira, umunyamabang uhoraho. Icyemezo kiboneka

udahawe iyo serivisi?	bitarenze iminsi 5 y'akazi, iyo igisubizo uhawe kitakunogeye ushobora kujya kureba umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya Minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250 0788485808 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntabyo

3. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga icyemezo kijya mu mwanya wa dipolome

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Icyemezo gisimbura dipolome gihabwa abanyeshuri batsinze neza cyangwa abatatsinze neza amashuri yisumbuye guhera mu wa mbere kugeza mu wa gatandatu (S1 - S6).
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya politike, gukurikirana no kugenzura amashuri yisumbuye
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 5 y'akazi
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	500 RWF
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	- Ibaruwa isaba - Kwuzuza urupapuro rwabugenewe - Icyemezo cy'umwirondoro - Fotokopi y'indangamuntu - Icyemezo cya polisi ko yataye impanyabumenyi - Gitansi y'ikigo cy'imisoro n'amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ibaruwa yandikiwe Minisitiri iherekejwe n'ibyangombwa bigaragajwe haruguru bigashyirwa mu bunyamabanga rusange

Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Kwishyura mu kigo cy'imisoro n'amahoro - Icyemezo cy'inzego zibanze cy'umwirondoro (Identity)
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umunyamabang uhoraho. Icyemezo kiboneka bitarenze iminsi 5 y'akazi, iyo serivisi uhawe itakunogeye ushobora kujya kureba umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250 0788485808 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntazo

4. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga Indangamanota z'amashuri yisumbuye kuwazitaye

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Indangamanota zihabwa abanyeshuri bazitaye batsinze neza cyangwa abatatsinze neza amashuri y'isumbuye guhera mu wa mbere kugeza muwa gatandatu (S1 - S6).
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya politike, gukurikirana no kugenzura amashuri y'isumbuye
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 15 y'akazi
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	1,000 RWF kuri buri indangamanota
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo	- Ibaruwa isaba - Kwuzuza urupapuro rwabugenewe

uyihabwe ?	- Icyemezo cy'umwirondoro - Fotokopi y'indangamuntu - Icyemezo cya polisi ko yataye impanyabumenyi - Gitansi y'ikigo cy'imisoro n'amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ibaruwa yandikiwe minisitiri iherekejwe n'ibyangombwa bigaragajwe haruguru bigashirwa mu bunyamabanga rusange
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Kwishyura mu kigo cy'imisoro n'amahoro - Icyemezo cy'inzego zibanze cy'umwirondoro (Identity)
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wegera umunyamabang uhoraho mu nyandiko. Icyemezo kiboneka bitarenze iminsi 5 y'akazi, iyo igisubizo uhawe kitakunogeye ushobora kujya kureba umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri amanza n'ayisumbuye
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250 0788485808 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntabyo

5. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga icyemezo gikoreshwa mu buyobozi cy'amashuri y'imyuga ku mpamyabumenyi zatakaye

Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?	Icyemezo gihabwa abantu barangije mu mashuri y'imyuga kandi babonye impamyabumenyi ariko zigatakara
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya politike, gukurikirana no kugenzura amashuri y'isumbuye
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa kane uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi, Kuwa gatanu ni uguhera saa moya kugeza saa sita z'amanywa
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo	Iminsi 5 y'akazi

uyihabwe?	
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	3,000 RWF
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba - Kwuzuza urupapuro rwabugenewe - Icyemezo cy'umwirondoro - Fotokopi y'indangamuntu - Icyemezo cya polisi ko yataye impanyabumenyi - Gitansi y'ikigo cy'imisoro n'amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Ibaruwa yandikiwe Minisitiri iherekejwe n'ibyangombwa bigaragajwe haruguru bigashyirwa mu bunyamabanga rusange
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	- Kwishyura mu kigo cy'imisoro n'amahoro - Icyemezo cy'inzego zibanze cy'umwirondoro (Identity)
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umunyamabanga uhoraho. Icyemezo kiboneka bitarenze iminsi 5 y'akazi, iyo igisubizo uhawe kitakunogeye ushobora kujya kureba umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri amanza n'ayisumbuye
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250 788531930/788446504 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Kwuzuza urupapuro rwabugenewe rusaba icyo cyemezo usanga mu bunyamabanga
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Icyemezo cyemewe n'amategeko cya Minisiteri y'Ubutabera cyemeza guhindura amazina n'itariki y'amavuko iyo byakozwe

6. Ubwoko bwa serivisi : Gutanga icyemezo ku miryango itegamiye kuri Leta ishaka kwiyandikisha mu Kigo cy'Abanjira n'Abasohoka

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Icyemezo /Ibaruwa yemerera imiryongo itegamiye kuri Leta ishaka kwiyandikisha mu kigo cy'abanjira n'abasohoka
Ishami ryo kubarizamo	Ishami ryishinzwe Ububanyi Mpuzamahanga
Serivisi itangwa ryari?	Guhera kuwa mbere kugeza kuwa gatatu uhereye saa moya z'igitondo kugeza saa kumi n'imwe z'igicamunsi
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 3 y'akazi iyo ukwije ibisabwa
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangriwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Kwiyandikisha ku nshuro ya mbere: - Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'Uburezi - Iteganywa bikorwa by'umwaka bikozwe hakurikijwe uburyo bwemewe kandi bikurikije umwaka w'imari utangira muri Nyakanga ukarangira muri Kamena mu wundi mwaka - Kwemeza amategeko agenga umuryango yemejwe n'inzego z'ubutegetsi ahari icyicaro cy'uwo muryango - Inyandiko igaragaza ahava inkuga y'amafaranga y'umuryango mpuzamahanga utegamiye kuri Leta - Ingengo y'imari isobanutse ijyana n'umwaka w'imari utangira muri Nyakanga ukarangira muri Kamena ku wundi mwaka; - Inyandiko igaragaza isano iri hagati y'umuryango mpuzamahanga na purogaramu z'igihugu nk'icyerekezo 2020, kurwanya ubukene, n'iterambere ry'Uturere - Gutanga iteganya bikorwa ryawe ry'umwaka mu turere uzakoreramo. Ibi bikorwa hakurikije impapuro zabugenewe ziri ku rwego rw'Akarere - Igishushanyo cy'imiterere y'urwego

	rw'umuryango mpuzamahanga Iyo umuryango ushaka kwongera igihe cyo gukora: Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'Uburezi, iherekejwe ni ibi bikurikira: - Ibaruwa yandikiwe Minisitiri w'Uburezi - Iteganywa bikorwa by'umwaka bikozwe hakurikijwe uburyo bwemewe kandi bikurikije umwaka w'imari utangira muri Nyakanga ukarangira muri kamena - Kwemeza amategeko ajyenga umuryango yemejwe n'inzego z'ubutegetsi ahari icyicaro cy'uwo muryango - Inyandiko igaragaza ahava inkuga y'amafaranga y'umuryango mpuzamahanga utegamiye kuri Leta - Ingengo y'imari isobanutse ijyana n'umwaka w'imari utangira muri Nyakanga ukarangira muri Kamena mu mwaka ukurikira - Inyandiko igaragaza isano iri hagati y'umuryango mpuzamahanga na purogaramu z'igihugu nk'icyerekezo 2020, kurwanya ubukene, n'iterambere ry'uturere - Gutanga iteganya bikorwa ryawe ry'umwaka mu turere uzakoreramo. Ibi bikorwa hakurikije impapuro zabugenewe ziri ku rwego rw'akarere - Igishushanyombonera cy'imiterere y'urwego rw'umuryango mpuzamahanga.
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Gutanga ibyangombwa bikenewe kwa Minisitiri w'Uburezi ukabishyira mu bunyamabanga rusange
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umunyamabanga uhoraho mu nyandiko. Icyemezo kiboneka bitarenze iminsi 5 y'akazi, iyo igisubizo uhawe kitakunogeye ushobora kujya kureba umunyamabanga wa Leta ushinzwe amashuri abanza n'ayisumbuye
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250 788648526 mu masaha y'akazi.

Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Ntabyo

7. Ubwoko bwa Serivisi: Gutanga Uruhushya rwo gukora ubushakashatsi

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Uruhushya ruhabwa umushakashatsi ushaka gukora ubushakashatsi mu Rwanda: Ugomba gusaba uruhusa, ushobora gusaba wifashishije ikaranabuhanga binyuze kurubuga www.rrr.gov.rw cyangwa ukandi ibaruwa ukayitanga mu biro bibishinzwe
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi
Serivisi itangwa ryari?	- Kuwa mbere kugeza kuwa kane ni uguhera saa mbiri kugeza saa kumi, kuwa gatanu ni uguhera saa mbiri kugeza saa sita z'amanywa. - Binyuze kuri interineti n'amasaha 24/24
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Iminsi 2 : Iyo ibikenewe byuzuye kandi bikemerwa, uruhushya ruboneka mu minsi 2.
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	- Ibaruwa isaba uruhushya rwo gukora ubushakashatsi - Ibaruwa y'ubufatanye n'umuryango wo mu gihugu n'umushakashatsi n'ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi - Imbazirizamushinga y'ubushakashatsi - Ibaruwa ishyigikira umushakashatsi ivuye kuri Kaminuza yigamo cyangwa ikigo akoramo - Uruhushya rutangwa na komite ishinzwe ibanga ry'umwuga
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Gutanga ibyangombwa byavuzwe muri Minisiteri mw'ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi, ubijyanye cyangwa ukabyoherza ukoresheje ikoranabuhanga.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,	Ntazo

nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe ureba cyangwa ukandikira umuyobozi mukuru cyangwa ukamuha ubutumwa kuri interineti kuri: cgasingirwa@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara +250785068350. cyangwa ukandikira Umuhuzabikorwa wa siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi kuri: hmurangira@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri +250788857534
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Ukeneye gusoma no kumenya politike, amabwiriza ngenderwaho y'ubushakashatsi mu Rwanda. Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250788857534 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	– Iteka rya minisitiri rigenga ibikorwa by'ubushakashatsi mu Rwanda, – Itegeko riteza imbere siyansi, ikoranabuhanga, ubushakashatsi no guhanga udushya

8. **Ubwoko bwa serivisi: Guhabwa Inkunga y'Ubushakashatsi**

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Inkunga y'Ubushakashatsi ihabwa ikigo cyangwa itsinda ry'abashakashatsi
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi
Serivisi itangwa ryari?	Kuwa mbere kugeza kuwa kane ni uguhera saa mbiri kugeza saa kumi, kuwa gatanu ni uguhera saa mbiri kugeza saa sita z'amanywa.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	**Iminsi 5:** Kugira ngo imbanzirizamushinga yemerwe n'abakozi bo mw'ishami rya siyansi n'ikoranabuhanga **Amezi 2:** Kugenzura ko imbanzirizamushinga ikwiriye Inkunga y'Ubushakashatsi
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo	Iyi serivisi itangirwa ubuntu

ubone serivisi?	
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibaruwa isaba Inkunga y'Ubushakashatsi iri kumwe n'imbanzirizamushinga
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Utanga imbanzirizamushinga muri Minisiteri ikagenzurwa. Iyo basanze ko ikwiye inkunga ukabimenyeshwa mu nyandiko ugasabwa kwandikira minisitiri usaba infashanyo unagaragaza konti ya banki aho amafaranga azanyuzwa.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umuyobozi mukuru cyangwa ukamwohereza ubutumwa kuri interineti kuri: cgasingirwa@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara +250785068350. Cyangwa ukandikira umuyobozi wa siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi kuri: twiringiyimana@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri +250785368130
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250785368130 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Urupapuro rwifashishwa gusaba iinkunga
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	– Iteka rya Minisitiri rigenga ibikorwa by'ubushakashatsi mu Rwanda, – Itegeko riteza imbere siyansi, ikoranabuhanga, ubushakashatsi no guhanga udushya

9. Ubwoko bwa Serivisi: Kumenyekanisha akamaro ka siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi.

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Kumenyekanisha akamaro ka siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi mu mashuri no mugihugu muri rusange
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi

Serivisi itangwa ryari?	Iyi serivisi iboneka mu nama ya siyansi n'ikoranabuhanga, mw'imurikagurisha no muri za kampanyi zitandukanye za siyansi n'ikoranabuhanga.
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Minisiteri n'abafatanyabikorwa bategura ibi bikorwa bijyanye n'ingengo y'imari. Ibibikorwa bitegurwa bikemeza n'impande zose zifite siyansi n'ikoranabuhanga mu nshingano.
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibaruwa yandikwa ikagashyirwaho umukono n'abakozi bo mw'ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Inyandiko igomba kuba igaragaza amakuru akenewe.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ahazabera inama, ibigo, amashuri azabikora, ibiciro bigenda bitandukana ku bigo bitewe na serivisi zikenewe.
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umuyobozi mukuru cyangwa ukamwohereza ubutumwa kuri interineti kuri: cgasingirwa@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara +250785068350; cyangwa ukandikira umuyobozi wa siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi kuri: fhabimana@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri +250785155265
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Amakuru ajyanye na politike ya siyansi n'ikoranabuhanga mu Rwanda no gukora udushya wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250785155265 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	

10. Ubwoko bwa serivisi: Guteza imbere ubushakashatsi, guteza imbere ubucurizi bw'ikoranabuhanga cyane cyane irikorwa n'abenegihugu (imbere mu gihugu)

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Guteza imbere ubushakashatsi, guteza imbere ubucurizi bw'ikoranabuhanga cyane cyane irikorwa n'abenegihugu (imbere mu gihugu) : Ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi niryo rifite uburenganzira guhuza ibigo by'amashuri, ubushakashatsi, no guteza imbere inganda binyuze mu bushakashatsi n'iterambere. Ishami rifasha rikanashishikariza icuruzwa rya ibikoresho by'ikoranabuhanga cyane cyane ibyo mu gihugu kugira ngo hatezwa imbere umuco wo guhanga udushya mw'ikoranabuhanga mu Banyarwanda. Ishami ry'ikoranabuhanga rishishikajwe no guteza imbere icuruzwa ry'ibikoresho by'ikoranabuhanga no guteza imbere umuco wo guhanga udushya.
Ishami ryo kubarizamo	Ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi
Serivisi itangwa ryari?	- Kuwa mbere kugeza kuwa kane ni uguhera saa mbiri kugeza saa kumi, kuwa gatanu ni uguhera saa mbiri kugeza saa sita z'amanywa. - Binyuze kuri nterineti ni amasaha 24/24 kuri www.mineduc.gov.rw
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	**Iminsi 5:** Kugira ngo bakubiwire ko imbanzirizamushinga yakiriwe mu Ishami rya siyansi n'ikoranabuhanga **Amezi 2:** Kugenzura ko imbanzirizamushinga ikwiriye infashanyo
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Iyi serivisi itangirwa ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?	Ibaruwa yandikwa ikagashyirwaho umukono n'abakozi bo mw'ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Iyo ushaka amakuru ajyanye no guteza imbere ubushakashatsi n'ikoranabuhanga ari umuntu ku giti cye cyangwa Ikigo hakurikizwa ibi bikurikira: - Ujya kureba ushinzwe kwakira abagana i Minisiteri y'Uburezi, - Ujya mu biro by'umuyobozi wungirije ushinzwe siyansi, ubushakashatsi n'ikoranabuhanga ugasaba kubonana n'umukozi ubishinzwe - Iyo ubonanye n'umuyobozi ubona amakuru nyayo yicyo ushaka
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni	Ntazo

izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Iyo utishimiye serivisi uhawe wandikira umuyobozi mukuru cyangwa ukamugezaho ikibazo cyawe ukoresheje ubutumwa bwanditse kuri interineti kuri: cgasingirwa@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara +250785068350. Cyangwa ukandikira umuyobozi wa siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi kuri: twiringiyimana@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri +250785368130
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Amakuru y'inyongera ugomba kumenya amakuru yihariye arebana n'ibikorwa by'ubushakashatsi n'iterambere ry'inganda mu gihugu. Ushobora gusura za kaminuza n'ibigo by'ubushakashatsi k'ubushakashatsi bwihariye. Ushobora no gusura inganda n'abashakashatsi mu gutezimbere ikoranabuhanga. Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amkuru aruseho ushobora kureba umuyobozi mukuru kuri: cgasingirwa@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara +250785068350. Cyangwa ukandikira umuyobozi wa siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi kuri: twiringiyimana@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri +250785368130
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	– Iteka rya minisitiri rijyenga ibikorwa by'ubushakashatsi mu Rwanda, - Itegeko riteza imbere siyansi, ikoranabuhanga, ubushakashatsi no guhanga udushya

11. Ubwoko bwa serivisi: Gushyiraho ibikoresho byifashishwa muri siyansi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu mashuri kugira ngo hatezwa imbere ubumenyi muri siyansi n'ikoranabuhanga mu burezi

Serivisi ni iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Gushyiraho ibikoresho byifashishwa muri siyansi n'ibikoresho by'ikoranabuhanga mu mashuri kugira ngo hatezwa imbere ubumenyi muri siyansi n'ikoranabuhanga mu burezi
Ishami ryo	Ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi

kubarizamo	
Serivisi itangwa ryari?	**Bikorwa mu mwaka**: Ibikoresho bya siyansi n'ikoranabuhanga bitangwa rimwe mu mwaka bijyanye n'ingengo y'imari ku bikoresho. Guhitamo amashuri azahabwa ibikoresho bikorwa ku rwego rw'akarere hagendewe ku mashuri ya: (siyansi, ay'ikoranabuhanga n'amashuri y'ikitegererezo)
Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Gutanga ibikoresho bishingira k'ubwinshi by'ibikoresho bikenewe. Iyo ishuri ryagaragajwe ku rutonde rwihutirwa ibikoresho birigeraho mbere y'uko umwaka urangira. Ariko bigaterwa n'igihe isoko ritangiye ibikoresho.
Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?	Ishuri ntacyo ritanga. Minisiteri niyo ibikora binyuze mw'ishami rya siyansi n'ikoranabuhanga ku ngengo y'imari. Amafaranga ajyanye no gukoresha no gufata neza ibyo bikoresho atangwa n'ikigo cyabihawe.
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	- Ibaruwa isaba yandikirwa Minisiteri - Ibaruwa igushyigikiye yandikwa n'Akarere - Raporo y'igenzura yakozwe n'Ikigo cy'Uburezi Guhitamo ukwiye ibikoresho bya siyansi n'ikoranabuhanga bikorwa n'akarere, ishami rya siyansi n'ikoranabuhanga ntabgo ryakira gusaba uko arikwo kwose. Ariko kugena ibikoresho bikenewe bikorwa n'ibigo by'amashuri hamwe n'ikigo cy'uburezi.
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Gutanga ibaruwa isaba muri minisiteri iri kumwe n'ibaruwa ibyemeza y'Akarere. Igenzura ribanza gukorerwa ku karere ibyemejwe bijyanwa mw'ishami rya siyansi, ikoranabuhanga n'ubushakashatsi kugira ngo bishyirwe mu bikorwa
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Akarere
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Ugize ikibazo kuri serivisi uhawe ureba umuyobozi ushinzwe ikoranabuhanga n'itumanaho kuri: nkubito@mineduc.gov.rw, cyangwa ugahamagara kuri; iyo ikabazo kidakemutse ushobora kwandikira umuyobozi mukuru kuri:cgasingirwa@mineduc.gov.rw

	cyangwa ugahamagara kuri +250785068350 Ushobora kandi kureba umukozi ushinzwe uburezi mu akarere aho ishuri ribarizwa; ikibazo kitakemuka kikajya mw'ishami rishinzwe ubushakashatsi n'ikoranabuhanga
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?	Iyo ushaka amakuru cyangwa usaba ubanza kubigeza k'umukozi ushinzwe uburezi mu karere cyangwa ukandikira umuyobozi ushinzwe siyansi n'ikoranabuhanga kuri: fhabimana@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri+250785155265 cyangwa umuhuzabikorwa w'ikoranabuhanga n'itumanaho kuri: solange.mutezintare@rdb.rw cyangwa ugahamagara kuri +250788406263; cyangwa ukandikira umuyobozi mukuru kuri: cgasingirwa@mineduc.gov.rw cyangwa ugahamagara kuri +250785068350. Wasura urubuga rya minisiteri kuri: www.mineduc.gov.rw Kugira ngo ubone amakuru. Ushaka amakuru aruseho wahamagara kuri: +250785155265 mu masaha y'akazi.
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi	Politiike y'Igihugu guteza imbere siyansi, ikoranabuhanga, guteza imbere itumanaho n'ikoranabuhanga mu burezi n'uburyo bugenderwaho mu gushyiraho amashuri y'icyitegererezo.

Byemejwe na **DR. Vincent BIRUTA**
Minisitiri w'Uburezi